## Itangazo Rigenewe Abanyamakuru

### Abaturarwanda baributswa kwirinda ibikorwa byo gutema amashyamba n' ibiti batabiherewe uburenganzira n' inzego zibishinzwe

Huye—Nzeri 16, 2024: Ikigo Gishinzwe Amashyamba mu Rwanda (RFA) kiributsa abanyarwanda bose ko ntawemerewe gusarura cyangwa gutema amashyamba n'ibiti atabiherewe uruhushya n' inzego zibifitiye ububasha kuko uzabirengaho azahanwa hakurikijwe itegeko rigenga amashyamba n'ibiti mu Rwanda.

**Igazeti ya Leta yo kuwa 07/06/2024 —Itegeko Rigenga Amashyamba n'Ibiti**

**Umutwe wa 7, Ingingo ya 37** igira iti: Gusarura nta ruhushya cyangwa kurenza umubare w'ibiti cyangwa ubuso byatangiwe uruhushya; umuntu usarura ishyamba rye nta ruhushya, aba akoze ikosa. Ahanishwa kwishyura ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'inshuro imwe y'agaciro k'ibiti cyangwa ubuso yasaruye. Naho umuntu urenza umubare w'ibiti cyangwa ubuso yaherewe uruhushya rwo gusarura mu ishyamba rye, aba akoze ikosa. Ahanishwa kwishyura ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana na kimwe cya kabiri cy'agaciro k'ibiti cyangwa ubuso yarengejeho.

**Ingingo ya 40** igira iti: Umuntu ukoresha imishoro nta ruhushya, aba akoze ikosa. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'inshuro eshanu z'agaciro k'imishoro yakoresheje.

**Ingingo ya 43** igira iti: Gusarura cyangwa kwangiza ishyamba cyangwa ibiti bya Leta; umuntu usarura ishyamba cyangwa ibiti bya Leta nta ruhushya cyangwa ubyangiza, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka 1 ariko kitarenze imyaka 2 n'ihazabu itari munsi ya 3.000.000 FRW ariko itarenze 5.000.000 FRW. Iyo icyaha kivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo gikozwe n'urwego rufite ubuzimagatozi, ruhanishwa ihazabu itari munsi ya 10.000.000 FRW ariko itarenze 20.000.000FRW.

Bityo, abanyarwanda baributswa inshingano zabo zo kubungabunga amashyamba n' ibiti; birinda kuyangiza no kuyasarura mu buryo butemewe n'amategeko. Twibuke ko amashyamba atanga umwuka mwiza duhumeka, arwanya isuri, agira uruhare runini mu guhangana n' imihindagurikire y'ibihe ndetse ni ubwihugiko bw'urusobe rw'ibinyabuzima.

###

**Ibindi bisobanuro:** Andikira RUTAYISIRE Patience—Umukozi ushinzwe itumanaho muri RFA, kuri patience.rutayisire@rfa.rw

*Arboretum, Huye | P.O. Box: 660 HUYE – Rwanda | Website: www.rfa.rw | Email: info@rfa.rw |*
*X: @RwandaForestry |www.linkedin.com/in/rwanda-forestry-authority-rfa*